

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA
MADAMU JEANNETTE KAGAME
MU BIRORI BYO KWIZIHIZA ISABUKURU Y'IMYAKA 20
Y'UBUKANGURAMBAGA BWO GUTEZA IMBERE UBUREZI
BW'UMUKOBWA**

Intare Conference Arena, ku wa 24 Gicurasi 2025

Bana bacu, Bakobwa bacu,
Inkubito z'Icyenza twizihiza uyu munsi,
Inkubito y'Icyenza Honoraire, Louise Mushikiwabo,
Babyeyi, Barezi,
Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,
Dear Partners,
Nshuti z'umuryango Imbuto Foundation,

Muraho neza!

Uyu ni umunsi udasanzwe!

- Ndumva umutima wuzuye ibyishimo n'**ishiimwe**, kandi ndabona tubisangije twese.
- Isabukuru nziza kuri twese!
- Iyi rero, ntabwo ari isabukuru y'ibihembo gusa. Ni isabukuru y'inzozi twarose kera, none murabyirebera ko zabaye impamo kandi biracyakomeza.
- Turizihiza abakobwa bahisemo kwandika amateka yabo, bazana impinduka umuntu atiyumvishaga.
- Dutangira gutegura uyu munsi, uwo twatekerezaga wese wadufasha, twasangaga ari *Inkubito y'Icyenza* cyangwa afite aho ahuriye n'*Ishema ry'Abakobwa*. Urugero rwa bugufi ni MC w'uyu munsi mwabonye.

Bana bacu, Bakobwa beza!

- Imyaka 20 ishize, habibwe imbuto zo kubaka ubushobozi, icyizere n'ubumenyi ku mwana w'umukobwa. Uyu munsi turishimira kubona izo mbuto zaratangiye kwera, mu mashuri, mu muryango, mu buyobozi no mw'iterambere ry'igihugu.
- Ibi kandi bisobanura neza igitekerezo-ngenga cya Imbuto Foundation kivuga ko imbuto itewe mu gitaka giteguwe neza, ikuhirirwa, igahabwa iby'ingenzi byose, ikura, ikavamo igit cy'inganzamarumbo, kitanyeganyezwa n'icyo ari cyo cyose.
- Hari abari hano bamaze kuba abaganga, abarezi, abari mu nzego z'umutekano, abashakashatsi, abayobozi n'indi mirimo itandukanye; kandi mwakomeje kuba intangarugero. Uko muri aha mwese na bagenzi banyu batashoboye kuza, muhagarariye icyizere cy'abakobwa b'u Rwanda, barerewe mu gihugu kizirikana agaciro k'umukobwa mu iterambere ry'igihugu.
- Ku babyeyi, abarezi, abafatanyabikorwa, iyi ni intambwe ikomeye kandi iganje! Ni imyaka 20 y'ubutwari, ubwenge, n'imbaraga zikomeye z'abakobwa, batoranyijwe kubera ubuhanga n'ishyaka ryo gutsinda.
- Mumfashe rero dushimire aba bakobwa bacu bose, twise '***Inkubito z'Icyeza***', nabo tugirana igihango cyo kuba '**Ishema ry'Abakobwa**'.

Bana bacu, Babyeyi, Bashyitsi bahire,

- Igitekerezo cy'yi gahunda cyaturutse ku cyerekezo cyagutse cy'igihugu cyacu, cyo kubaka uburezi kuri bose, budaheza kandi buha amahirwe angana abahungu n'abakobwa.
- Niho twahereye rero, dutangira iyi gahunda yo guhemba abakobwa bahize abandi mu gutsinda neza, ngo bibatere kumva bashyigikiwe, barusheho gukora neza ariko banabere intangarugero bagenzi babo.

Babyeyi, Bafatanyabikorwa, Bana bacu,

- Mu kinyarwanda tuvuga ko '**ntawigira**'. Abakobwa bonyine ntibatera imbere, ngo bagere kuri ibi byiza byose twizihiza.
- Dufashe uyu mwanya ngo dushimire ubuyobozi bw'igihugu cyacu bwashyize imbere gahunda ya '**He for She**', bikaba byarabaye umusemburo wo guhindura imyumvire, imitekerereze n'imikorere, hagamijwe kubahiriza ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire.
- Mu gihe tugezemo cy'isi yabaye umudugudu, kandi yihuta cyane mu iterambere, bisa naho ibintu byinshi byoroshye. Ariko ntibihagije gutanga amahirwe gusa ku rubyiruko haba ku bakobwa cyangwa n'abahungu.
- Hari byinshi aba 'jeunes' bacu babona. Ariko babaye badafite:
 - Imitekerereze, n'imyitwarire, bibafasha gukemura ibibazo byo mu buzima bwa buri munsi,
 - Gufata ibyemezo,
 - Gutekereza mu buryo bwagutse,

- Kwigirira icyizere,
- Ndetse no kugira ubushobozi, bwo kubaka umubano mwiza n'abandi.

Ayo mahirwe ashobora kubabera impfabusa.

- Tugomba rero gukomeza kubaherekeza, gutanga ubujyanama bukwiye, no kububakira ubushobozi kugira ngo ubwo bumenyi bakomeze kubukoresha neza.

BPG Alumni Network,

- Ni koko muri Ishema ry'Abakobwa, mukaba n'ishema ryacu ababyeyi n'abarezi banyu. Abenshi muri mwe mumaze kuba bakuru, muri mu mirimo itandukanye, ndetse hari na byinshi mwatangiyе gukora, byo gukomeza gufashanya hagati yanyu.
- Iyi sabukuru y'imyaka 20 tuyizihize tunatekereza indi iri imbere aho ikwiye kuzadusanga. Ikwiye gusanga dufite abakobwa n'abahungu ari nabo babyeyi b'ejo, ari Abanyarwanda bashoboye, kuko twasobanukiwe ko kurera abato bacu neza, atari bo gusa bigirira akamaro, ahubwo ari inyungu z'umuryango n'igihugu muri rusange.
- Niyo mpamvu rero n'abana b'abahungu nabo bakeneye guherekezwa no kugirwa inama kugirango batere imbere mu bumenyi, imico, n'imyifatire.
- Nk'Inkubito z'Icyenza, ni ngombwa ko namwe ubwanyu muba mwikwije, mufite 'package' ihagije, kugira ngo muzabashe kurerera u Rwanda, abana bafite ubwenge n'umutima

by'Umunyarwanda twifuza, uzabasha kutugeza ku cyerekezo cyacu 2050.

- Iri shimwe rizakomeze kubatera guharanira kuba Ishema ry'abandi bakobwa. Mwumvise bakuru banyu uko babyitwayemo, ngo bakomeze kuba indashyikirwa.
- Mube maso, muhore muzirikana ko ibyiza byose, umuntu abigeraho, ari uko yabiharaniye. Mugire amakenga, mwirinde igihe cyose mwumvise hari ubereka ko hari ubundi buzima n'iterambere yabagezaho mu buryo bworoshye, cyane cyane iyo ari amakuru atizewe.
- Mukomeze mukorane umurava, mutsinde neza, mugamije kugera kure hashoboka. Aha kandi nagira ngo nongereho ko gutsinda gusa bidahagije, kuko n'amasomo muhitamo kwiga, akwiye kujyana n'aho isi igana ndetse n'imirimo ikenewe ku isoko.
- Turifuza rero kubona umubare munini w'abakobwa biga za siyansi, amasomo y'ubumenyingiro n'ubumenyi bwa ngombwa mu buzima, kandi bagakomeza kuba indashyikirwa mu byiciro byose.

Dear Partners, Parents, Educators,

- We thank you for your continuous support during the past 20 years of investment in girls' education. You played a tremendous role in over the 7,600 transformed lives.

- Allow me to pause for a moment to acknowledge the support of our partners who believed in our cause from the very beginning.
- To the ONE UN Family, especially UNICEF, RDB, CISCO, Tumba College of Technology, Plan International, BK Foundation, Embassy of the People's Republic of China, University of Kigali, Segal Family Foundation, Individuals and our other partners who shared our vision, thank you for walking this journey with us.
- The journey continues; We press forward.
- We commit to raising more leaders, educating more daughters, and breaking more barriers.
- Let us ensure that the next 20 years bring even greater victories.

Together:

- We do not chase opportunity, we create it.
- We do not wait for change, we lead it.
- We do not ask if we belong, we know we do.

My Dear Daughters - Inkubito z'Icyeza,

- Again, Congratulations on your achievements!
- As girls, you live in a world that may tell you to shrink, to doubt your abilities, to question whether you belong in spaces of influence.
- You did not let uncertainty and competition make you silent.

- Continue to shine, and know that we stand with you every step of the way.
- Remember always to be your sisters' keepers.
- Rwanda will always need your voice, your ideas and your strength.
- You are seen. You are celebrated. You are capable of anything - Murashoboye!

Bana bacu, Bakobwa beza, Batumirwa bahire,

- Let us now wrap the speeches here and continue the celebration!

Isabukuru nziza!